98

De. Patrimoine culturel.

Umunsi w'Intwari
z'igihugu y'abayekuri
16/9/1998

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO,**
**UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**
**B.P. 1044 KIGALI**
**TEL: 8 35 25**
**FAX:( 250 )8 35 18**

**INYADIKO-MVUGO Y'INAMA ITEGURA UMUNZI W'ITWARI Z'IGIHUGU Y'ABAYE KURI 16/9/1998.**

Iyo nama yabereye mu biro by'Umunyamabanga mukuru wa Minisiteri y'Urubyiriko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse, kuva saa tatu n'igice ya migitondo kugeza saa sita.
Abaje muri iyo nama ni aba:

| | | |
|---|---|---|
| 1. Marc KABANDANA | : | Umunyamabanga Mukuru wa MIJESCAFOP. |
| 2. Pierre KAREMERA | : | Umunyamabanga wihariye wa MIJESCAFOP. |
| 3. William NTINDENDEREZA | : | Umuyobozi w'Imyuga Iciriritse. |
| 4. Gédéon RUDAHUNGA | : | Umuyobozi wa C.N.O.S.R. |
| 5. Apollinaire MUNYANGOGA | : | Umuyobozi wa Projet Rwanda rw'Ejo. |
| 6. Anaclet MUTUGARUGAMBA | : | Commission du Mémoriale. |
| 7. Jean BUTOTO | : | Patrimoine Culturel. |
| 8. J.M.V.SALAAM | : | Umuyobozi wa Projet KARANI NGUFU. |
| 9. Aaron RUHIMBYA | : | Archives Nationales. |
| 10.Théodomir KAYIGI | : | Folklore et Loisirs |
| 11. Séverin SEKUBUMBA | : | Ptrimoine Culturel. |

**Ingingo zasuzumweni izi:**

I. Imirimo iteganyijwe.
II. Inama zizakorwa.
II. Umunsi mukuru nyirizina

**I. IMIRIMO ITEGANYIJWE**

**Ibiganiro**: Bizatangira ku wa gatandatu tariki 26/9/1998, birangire ku wa gatatu tariki 30/9/1998. Ikiganiro cyambere ni icya Bwana Filipo KANAMUGIRE, kizavuga **Amateka y'abatabazi mu Rwanda.** Abashinzwe gutegura imihango basabwe kubonana na Bwana KANAMUGIRE bakamubwiriza ibyo icyo kiganiro gikwiye kwibandaho.
Ikiganiro cya kabiri ni icya Madamu Vigitoriya, uzavuga **kubutwari bw'abari n'abategarugori mu mateka y'u Rwanda..**

**Ibyivugo by'Intwari zaranze amateka y'u Rwanda,** icyo kiganiro ntigifudutse neza , niyo mpamvu inama ibaye ikivanyemo. Bwana MUKUMBIRI ashake ikindi kiganiro.

Ikiganiro cy'**Ubutwari mu BISESERO,** gisimbujwe n'abavuga ku butwari mu kurwanya Itsembabwoko n'Itsembatsemba. Bazashake abantu bazavuga ku barwanyije Itsembabwoko n'Itsembatsemba, nk'Umuyobozi w'abasoda 600 bo muri C.N.D.

Abazatanga ibiganiro basabwe gushyikiriza inyandiko zabo Ubuyobozi bw'Umuco mbere yo gutanga ibyo biganiro.

Aho kuvugirwa kuri Radiyo, ni byiza ko ibiganiro byatangirwa mu ruhame, abantu bakabaza ibibazo.Ningombwa kuzatumira abantu muri ibyo biganiro cyane cyane abagize komisiyo y'igihugu ishinzwe intwari.

## II. INAMA N'ABAZAZIZAMO:

| | |
|---|---|
| - PRIMATURE | : Batumiriwe kujya inama. |
| - MINAFFET | Ishinzwe protocole n'ubutumire. |
| - MINITRANSCO | : Gutanga imidoka.Hasabwe imodoka icumi. |
| - MINADEF | : Umutekano, umuziki n'icyubahiro cy'abategetsi bo hejuru. |
| - MINITRAPE | :Ishinzwe akazi k'amabendera, n'intebe. |
| - ELECTROGAZ | : Ishinzwe amazi n'amashanyarazi. |
| - ORINFOR | : Ishinzwe gutangaza amakuru y'uwo munsi. |
| - CROIX ROUGE | : Izateganya inpanuka. |

Abo bazaza mu nama bazamenyeshwe imirimo bashinzwe, kandi bazayikore. Niba hari ibibananiye babimenyeshe hakiri kare.
Minitrape niyo yubakaga igisharagati. Ariko kubera ko gihenda bikabije, inama yemeje ko abantu bazicara muri tribune ya Sitade Amahoro.
Nukuvuga ko iyo Minisiteri isigaranye akazi k'amabendera n'intebe z'abashyitsi b'icyubahiro.

## III. UMUNSI NYIRIZINA

- Kubera ko abantu bizicara muri Sidade, gahunda z'ibirori izahinduka, kandi n'inyandiko z'ubutumire zizahinduka. Abantu nibamara gushyira indabyo kumva bazajya muri Sitade.

-Imivugo iteganyijwe ni iya : Silas MBONIMANA,
Alfred RURAYI,
Philipe KANAMUGIRE

- Ijambo rizahabwa:

. Perefe w'Umujyi wa KIGALI
. Minisiteri wa MIJESCAFOP
. Perezida wa Repubulika.

- Indirimbo y'Intwari: Cécile KAYIREBWA na MUYANGO indirimbo yitwa" **yaje kubahoza"**,ningombwa kuyimusaba akazayiririmba.

- Kwakira abashyitsi: Abashyitsi bazakiririwa muri Hoteli" Mille Collines". Hazatumirwa abantu 500.

Icyihutirwa: Abategura uyu munsi mukuru basabwe kuvugururra gahunda y'ibizakorwa muri iyi minsi kugeza ku wa mbere ukwakira.
Basabwe kubonana n'abashobora kubatera ingunga iyo ariyo yose, kuko kubandikira bidahagije.
Basabwe gusubira mu mibare y'amafaranga akenewe bakurikije ibiciro biri kw'isoko.
Gahunda y'umunsi mukuru nyirizina nayo igomba guhinduka.

Inama itaha izaba ku wa gatatu 23 Nzeli 1998.

Kigali ku wa 16/9/1998

| | |
|---|---|
| Umuyobozi w'inama | Umwanditsi |
| **Marc KABANDANA** | **Séverin SEKUBUMBA** |

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 KIGALI
TEL : (250) 8 35 25
FAX : (250) 8 35 18.

Kigali, ku wa ...................

# UBUTUMIRE

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe ya LETA...............................................................

Mu rwego rwo kwizihiza Umunsi mukuru w'Intwari z'igihugu cyacu, umunsi wizihizwa buri tariki ya mbere Ukwakira, Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse yabateguriye ibiganiro-mpaka ku nsanganyamatsiko zikurikira :

- Amateka y'Abatabazi mu Rwanda
- Ubutwari bw'Abari n'Abategarugori mu mateka y'u Rwanda
- Ubutwari bw'Abanyarwanda mu guhagarika itsembabwoko n'itsembatsemba byo muri Mata-Nyakanga 1994.

Ni kuri uyu wa gatanu, tariki ya 25 Nzeli 1998 kuva saa cyenda za ni mugoroba muri Centre Christus i Remera.

Ukuza kwanyu kuzadushimisha.

**Dr. Yakobo BIHOZAGARA**
Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco
no Kwigisha Imyuga Iciriritse

p.o.

KABANDANA Mathias
Secrétaire Général
MIJESCAFOP

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 KIGALI
TEL : (250) 8 35 25
FAX : (250) 8 35 18.

Kigali, ku wa ....................

# UBUTUMIRE

Nyakubahwa Minisitiri wa Transiporo no Gutumanaho

Mu rwego rwo kwizihiza Umunsi mukuru w'Intwari z'igihugu cyacu, umunsi wizihizwa buri tariki ya mbere Ukwakira, Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse yabateguriye ibiganiro-mpaka ku nsanganyamatsiko zikurikira :

- Amateka y'Abatabazi mu Rwanda
- Ubutwari bw'Abari n'Abategarugori mu mateka y'u Rwanda
- Ubutwari bw'Abanyarwanda mu guhagarika itsembabwoko n'itsembatsemba byo muri Mata-Nyakanga 1994.

Ni kuri uyu wa gatanu, tariki ya 25 Nzeli 1998 kuva saa cyenda za ni mugoroba muri Centre Christus i Remera.

Ukuza kwanyu kuzadushimisha.

**Dr. Yakobo BIHOZAGARA**
Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco
no Kwigisha Imyuga Iciriritse

p.o.

REPUBLIQUE RWANDAISE
KABANDANA M.
Secrétaire Général
MIJESCAFOP

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 KIGALI
TEL : (250) 8 35 25
FAX : (250) 8 35 18.

Kigali, ku wa ...................

# UBUTUMIRE

Nyakubahwa Minisitiri W'Umuryango Uburinganire n'Imibereho Myiza y'Abaturage..................

Mu rwego rwo kwizihiza Umunsi mukuru w'Intwari z'igihugu cyacu, umunsi wizihizwa buri tariki ya mbere Ukwakira, Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse yabateguriye ibiganiro-mpaka ku nsanganyamatsiko zikurikira :

- Amateka y'Abatabazi mu Rwanda
- Ubutwari bw'Abari n'Abategarugori mu mateka y'u Rwanda
- Ubutwari bw'Abanyarwanda mu guhagarika itsembabwoko n'itsembatsemba byo muri Mata-Nyakanga 1994.

Ni kuri uyu wa gatanu, tariki ya 25 Nzeli 1998 kuva saa cyenda za ni mugoroba muri Centre Christus i Remera.

Ukuza kwanyu kuzadushimisha.

**Dr. Yakobo BIHOZAGARA**
Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse

p.o.

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère de la Jeunesse, des Sports, de la Culture et de la Formation Professionnelle

KABANDANA M.
Secrétaire Général
MIJESCAFOP

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 KIGALI
TEL : (250) 8 35 25
FAX : (250) 8 35 18.

Kigali, ku wa ....................

# UBUTUMIRE

Nyakubahwa Minisitiri w'Abakozi ba Leta w'Umurimo

Mu rwego rwo kwizihiza Umunsi mukuru w'Intwari z'igihugu cyacu, umunsi wizihizwa buri tariki ya mbere Ukwakira, Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse yabateguriye ibiganiro-mpaka ku nsanganyamatsiko zikurikira :

- Amateka y'Abatabazi mu Rwanda
- Ubutwari bw'Abari n'Abategarugori mu mateka y'u Rwanda
- Ubutwari bw'Abanyarwanda mu guhagarika itsembabwoko n'itsembatsemba byo muri Mata-Nyakanga 1994.

Ni kuri uyu wa gatanu, tariki ya 25 Nzeli 1998 kuva saa cyenda za ni mugoroba muri Centre Christus i Remera.

Ukuza kwanyu kuzadushimisha.

**Dr. Yakobo BIHOZAGARA**
Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse

P.O.

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère de la Jeunesse, des Sports, de la Culture et de la Formation Professionnelle

KABANDANA M.
Secrétaire Général
MIJESCAFOP

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO,
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE.
B.P. 1044 KIGALI
TEL: 8 35 25
B.P : (250) 8 35 18

## INYADIKO MVUGO Y'INAMA ITEGURA UMUNSI W'INTWARI WO KURI 1/10/98 YABAYE KURI 17/9/1998

Inama yatangiye isaa ine ya mugitondo irangira sa sita. Yayobowe na Bwana Yohani BUTOTO, Umuyobozi w'ishami ry'Umurage Gakondo muri MIJESCAFOP.

Iyo nama yari igizwe n'aba:

| | |
|---|---|
| 1. KAYIGI Théodomir | : MIJESCAFOP |
| 2. SEKUBUMBA Séverin | : MIJESCAFOP |
| 3. MUBUMBYI André | : MIJESCAFOP |
| 4. GAHUNGA Déo | : ORINFOR |
| 5. KALISA Evariste | : ELECTROGAZ |
| 6. MUTUGARUGAMBA | : MIJESCAFOP |
| 7. MUKABANANA Ang. | : MIJESCAFOP |
| 8. NTIGANZWA Juvénal | : Ponts & chaussées |
| 9. BUSHISHI Jean Baptiste | : MINITRAPE |
| 10. SEBUDANDI Venantie | : DIREPROTETAT |
| 11. GAHAMANYI Parfait | : PROTETAT |
| 12. RUHIMBYA Aaron | : Archives Nationales |
| 13. BUTOTO Jean | : MIJESCAFOP |

Ingingo zasuzumwe ni izi:

**1. Gutegura ahazabera ibirori :**

a) Inama yasanze ari ngombwa gukorera ibirori byose kw'irimbi ry'Intwari, kubera izi mpamvu :

- Igisharagati kizubakwa ku giciro kidakanganye, kandi Minaffet ishobora gutera inkunga. Ikindi kandi, habonetse umwubatsi ukodesha ibikoresho, ibirori byarangira akabisubirana.

- Abashinzwe umutekano akazi kazaborohera mu gihe imihango ibereye ahantu hamwe. Ibyo abantu banenze by'umwaka ushize bizakosorwa. Ayo makosa yatewe n'uko bwari ubwa mbere ibirori nk'ibyo bihabera. Ubu rero ntakibuza bitazamera neza.

b) Intebe zo kwicaraho

Minitrap yavuze ko nta ntebe ifite.
Ni ngombwa gukoresha intebe za Sitade.

**2. Kuzimanira abashyitsi.**

Abashyitsi bazakiririrwa muri JALI CLUB kubera ko ari hagari, hashora kwakira abantu benshi. Uwo munsi abasirikari bazaza ari benshi kandi bazane n'abagore babo. Indi mpamvu n'uko Perezida wa Repubulika na Visi-Perezida bazaba bahari, bagomba kwakirirwa ahantu hakwiye. Muri Mille Collines bateka nabi. Amafaranga yo kwishyura fagitiri ya JALI CLUB ntazabura.Minaffet ishobora gutanga inkunga. Birashoboka ko BRALIRWA yatanga inzoga z'uwo munsi mukuru.

**3. Ubutumire :**

Inyadiko zitumira abantu mu birori zizabe nyinshi kandi na porogaramu zigerekwe ku butumire. Bazateganye abantu batari hasi y'igihumbi

**4. Imodoka zikenewe :**

Abategura imihango bakeneye imodoka zibafasha kujya aho akazi gakorwa no gutwara ibikoresho. Hakwiye gusabwa imodoka kuri MINITRANSCO, zigatangira gukoreshwa.

**5. Amafaranga akenewe:**

Komisiyo yasanze ari ngombwa ko amafaranga yaboneka vuba imirimo igatangira gukorwa. Amafaranga akenewe ku gisharagati akorerwe devis n'ibikenewe mu kwakira abantu muri JALI CLUB biteganywe.

**6. Imivugo, ibyivugo, n'biganiro.**

Ibiganiro biri kuri gahunda bizakorwa, uretse icya Berinaridini MUZUNGU. Abahanzi basabwe gutegura ibintu byiza, kandi mbere yo kubishyikiriza mu birori bazabanze babyumvishe Kimisiyo ishinzwe kubisuzuma kandi buri muvugo uzubahirize iminota wahawe kuri porogaramu.

**7. Gushyiraho amakomisiyo ashinzwe imirimo :**

Ni ngombwa gushyiraho za Komisiyo, buri muntu akamenya umurimo ashinzwe. Ni nabwo buryo bwo kumenya ibikoresho bikenewe n'amafaranga bisaba. Inama isabye ko ejo ku wa gatanu 18/9/1998, za Komisiyo zizaba zakozwe.

Inama itaha izaterana ku wa gatatu tariki 23/9/1998 saa yine za mu gitondo.

Umuyobozi w'inama

BUTOTO Jean

Umwanditsi

SEKUBUMBA Séverin

**REPUBUKIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO,**
**SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA**
**IMYUGA ICIRIRITSE**
**B.P. 1044 KIGALI**

Kigali ku wa 10/9/1998

**N°.................................**

Honorable Député Rose KABUYE,
**KIGALI**

**Impamvu**: Gutegura Ikiganiro

Madamu,

Mu rwego rwo kwizihiza umunsi mukuru w'Intwari z'Igihugu cyacu, umunsi wizihizwa buri tariki ya mbere Ukwakira, nejejwe no kubandikira mbasaba ko mwategura ikiganiro kizaca kuri Radiyo ndetse na Televiziyo mu cyumweru kibanziriza iyo tariki.

Insanganyamatsiko mwakwibandaho yaba: Ubutwari bw'abari n'abategarugori mu mateka y'u Rwanda.

Ubundi kandi, icyo kiganiro muzagifatanya naMadamu MUKASINE Marie Claire, Umunyamabanga mukuru muri Minisiteri y'Umuryango, Uburinganire n'Ibireho myiza y'Abaturage.

Mbaye mbashimiye

Dr Yakobo BIHOZAGARA

Minisitiri w'Urubyiruko, siporo,
Umuco no Kwigisha Imyuga
Iciriritse

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | REPORT BP | 104047 | | 104047 | 3121 | 2082 | 3121 | | 100926 | 9222 | 91704 |
| 7 | MUSIMWE J.B. | 13500 | | 13500 | 405 | 270 | 405 | | 13095 | 1001 | 12094 |
| 8 | GATARAYIHA Jovin | 24944 | | 24944 | 748 | 499 | 748 | 5 | 24196 | 2142 | 22054 |
| 9 | MUNGANYINKA E. | 13500 | | 13500 | 405 | 270 | 405 | | 13095 | 1001 | 12094 |
| 10 | MUSABYEYEZU Sarah | 13500 | | 13500 | 405 | 270 | 405 | | 13095 | 1001 | 12094 |
| 11 | MUKANDEMANYI T. | 8100 | | 8100 | 243 | 162 | 243 | | 7857 | 290 | 7567 |
| 12 | KIZUNGU Marc | 13500 | | 13500 | 405 | 270 | 405 | | 13095 | 1001 | 12094 |
| 13 | NSHUTI Ndanga | 13500 | | 13500 | 405 | 270 | 405 | | 13095 | 1001 | 12094 |
| 14 | RUSAKARA Roger | 13500 | | 13500 | 405 | 270 | 405 | | 13095 | 1001 | 12094 |
| | TOTAL BP | 218091 | | 218091 | 6542 | 4363 | 6542 | | 211549 | 17660 | 193889 |
| | TOTAL CABINET | 283087 | | 283087 | 8492 | 5663 | 8492 | | 274595 | 23724 | 250871 |

~~Certifié sincère et véritable et arrêté à la somme de~~ il faut l'ajouter à chaque page de fin.

Total brut :
Pens. patronale :
Risque profess. :

Total à imputer

Vu et Approuvé par le Ministre

**REPUBUKIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**
**B.P. 1044 KIGALI**

Kigali ku wa 10/9/1998

N°..................................

Madamu MUKASINE Marie Claire
Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri y'Umuryango, Uburinganire n'Ibireho myiza y'Abaturage.
**KIGALI**

**Impamvu**: Gutegura Ikiganiro

Madamu,

Mu rwego rwo kwizihiza umunsi mukuru w'Intwari z'Igihugu cyacu, umunsi wizihizwa buri tariki ya mbere Ukwakira, nejejwe no kubandikira mbasaba ko mwategura ikiganiro kizaca kuri Radiyo ndetse na Televiziyo mu cyumweru kibanziriza iyo tariki.

Insanganyamatsiko mwakwibandaho yaba: Ubutwari bw'abari n'abategarugori mu mateka y'u Rwanda.

Ubundi kandi, icyo kiganiro muzagifatanya na Honorable Député Rosa KABUYE na Madamu Vigitoriya
Mbaye mbashimiye

Dr Yakobo BIHOZAGARA

Minisitiri w'Urubyiruko, siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse

**REPUBUKIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**
**B.P. 1044 KIGALI**

Kigali ku wa 10/9/1998

N°.................................

Honorable Député Rosa KABUYE
**KIGALI**

**Impamvu**: Gutegura Ikiganiro

Honorable,

Mu rwego rwo kwizihiza umunsi mukuru w'Intwari z'Igihugu cyacu, umunsi wizihizwa buri tariki ya mbere Ukwakira, nejejwe no kubandikira mbasaba ko mwategura ikiganiro kizaca kuri Radiyo ndetse na Televiziyo mu cyumweru kibanziriza iyo tariki.

Insanganyamatsiko mwakwibandaho yaba: Ubutwari bw'abari n'abategarugori mu mateka y'u Rwanda.

Ubundi kandi, icyo kiganiro muzagifatanya na Madamu MUKASINE Marie Claire, Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri y'Umuryango, Uburinganire n'Imibereho Myiza y'Abaturage. na Madame Vigitoriya

Mbaye mbashimiye

Dr Yakobo BIHOZAGARA

Minisitiri w'Urubyiruko, siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse

Heros 16

déjà corrigée

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y,URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P 1044 kigali

Kigali ku wa 10/9/1998

No................

Madame Victoire
**kIGALI**

**Impamvu** : Gutegura Ikiganiro

Madame ,

Mu rwego rwo kwizihiza umunsi mukuru w'Intwari z'Igihugu cyacu, umunsi wizihizwa buri tariki ya mbere Ukwakira, nejejwe no kubandikira mbasaba ko mwategura ikiganiro kizaca kuri Radiyo ndetse na Televiziyo mu cyumweru kibanziriza iyo tariki.

Insanganyamatsiko mwakwibandaho yaba :Ubutwari bw'Abari n'Abategarugori mu mateka y'u Rwanda.

ubundi kandi, icyo kiganiro muzagifatanya na: Honorable député Marie Rose K, Mukasine Marie Claire, Umunyarwandakazi [illegible] muri [illegible] n' Padiri Beresandini

Mbaye mbashimiye.

Dr Yakobo BIHOZAGARA

Minisitiri w,Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse

REPUBLIQUE RWANDAISE
de la Jeunesse, des ... et de la Formation Profes...

po [signature]

Karemera P.

A. Gén-ai

- Abashinzwe umutekano akazi kazaborohera mu gihe imihango ibereye ahantu hamwe. Ibyo abantu banenze by'umwaka ushize bizakosorwa. Ayo makosa yatewe n'uko bwari ubwa mbere ibirori nk'ibyo bihabera. Ubu rero ntakibuza bitazamera neza.

b) Intebe zo kwicaraho

Minitrap yavuze ko nta ntebe ifite.
Ni ngombwa gukoresha intebe za Sitade.

**2. Kuzimanira abashyitsi.**

Abashyitsi bazakirirwa muri JALI CLUB kubera ko ari hagari, hashora kwakira abantu benshi. Uwo munsi abasirikari bazaza ari benshi kandi bazane n'abagore babo. Indi mpamvu n'uko Perezida wa Repubulika na Visi-Perezida bazaba bahari, bagomba kwakirirwa ahantu hakwiye. Muri Mille Collines bateka nabi. Amafaranga yo kwishyura fagitiri ya JALI CLUB ntazabura.Minaffet ishobora gutanga inkunga. Birashoboka ko BRALIRWA yatanga inzoga z'uwo munsi mukuru.

**3. Ubutumire :**

Inyadiko zitumira abantu mu birori zizabe nyinshi kandi na porogaramu zigerekwe ku butumire. Bazateganye abantu batari hasi y'igihumbi

**4. Imodoka zikenewe :**

Abategura imihango bakeneye imodoka zibafasha kujya aho akazi gakorwa no gutwara ibikoresho. Hakwiye gusabwa imodoka kuri MINITRANSCO, zigatangira gukoreshwa.

**5. Amafaranga akenewe:**

Komisiyo yasanze ari ngombwa ko amafaranga yaboneka vuba imirimo igatangira gukorwa. Amafaranga akenewe ku gisharagati akorerwe devis n'ibikenewe mu kwakira abantu muri JALI CLUB biteganywe.

**6. Imivugo, ibyivugo, n'biganiro.**

Ibiganiro biri kuri gahunda bizakorwa, uretse icya Berinaridini MUZUNGU. Abahanzi basabwe gutegura ibintu byiza, kandi mbere yo kubishyikiriza mu birori bazabanze babyumvishe Kimisiyo ishinzwe kubisuzuma kandi buri muvugo uzubahirize iminota wahawe kuri porogaramu.

**UMUSHINGA WA GAHUNDA Y'UMUNSI MUKURU W'INTWARI Z'IGIHUGU UZABERA REMERA K'URUBUGA RW'INTWARI KUWA 1/10/1998**

| | |
|---|---|
| 7H00: | KUHAGERA KW'ABATURAGE |
| 9H00: | KUHAGERA KW'ABATUMIWE |
| 9H15 | KUHAGERA KW'ABAHAGARARIYE IBIHUGU BYABO MU RWANDA |
| | KUHAGERA KW'ABAKURU B'AMADINI |
| | KUHAGERA KWA PEREFE W'UMUGI WA KIGALI |
| | KUHAGERA KW'ABADEPITE |
| 9H20: | KUHAGERA KW'UMUKURU WA GND |
| | KUHAGERA KW'UMUKURU W'INGABO |
| | KUHAGERA KW'ABAMINISITIRI |
| 9H25: | KUHAGERA KWA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA |
| 9H30: | KUHAGERA KWA MINISITIRI W'INTEBE |
| 9H35: | KUHAGERA KWA PEREZIDA W'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO |
| 9H50: | KUHAGERA KWA VISI PEREZIDA WA REPUBULIKA Y'U RWANDA AKABA NA MINISITIRI W'INGABO |
| 10H00: | KUHAGERA KWA PEREZIDA WA REPUBULIKA Y'U RWANDA |
| 10H05: | INDIRIMBO YUBAHIRIZA IGIHUGU |
| | NYAKUBAHWA PEREZIDA WA REPUBULIKA AJYA MU MWANYA WE |
| 10H10: | UYOBOYE IMIHANGO ASOBANURA UKO UMUHANGO WO GUSHYIRA INDABO KU MVA UZA KUGENDA |
| 10H20: | KUZAMUKA RUGURU KU MVA |
| 10H25: | GUSHYIRA INDABO KU MVA YA GENERAL MAJOR FRED RWIGYEMA (reba urutonde rw'abagomba gushyiraho izo ndabo) |
| 10H30: | GUSHYIRA INDABO KU MVA Y'UMUSILIKARE UTAZWI (reba urutonde rw'abagomba gushyiraho izo ndabo) |
| 10H35: | GUSUBIRA EPFO KURI TRIBUNE Y'ICYUBAHIRO |
| 10H40: | AMASENGESHO Y'ABAKURU B'AMADINI |
| 11H00: | IJAMBO RY'IKAZE RYA PEREFE WA KIGALI |
| 11H05 | IBISINGIZO BIGENDANYE N'UMUNSI W'INTWARI |
| 11H25: | IJAMBO RYA MINISITIRI W'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE |
| 11H35: | INDIRIMBO ZIGENDANYE N'UMUNSI W'INTWARI |
| 11H45: | IJAMBO RYA PEREZIDA WA REPUBULIKA Y'U RWANDA |

............/2

13H00: KWAKIRA ABASHYITSI KURI JALI CLUB



**Abazashyira indabo kuri iyi mva:**

- ab'umulyango wa Général Major Fred RWIGYEMA
- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
- Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika akaba Minisitiri w'Ingabo
- Nyakubahwa Perezida w'Inteko ishinga Amategeko
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
- Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga
- Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco, Siporo no kwigisha imyuga iciriritse
- Umukuru w'Ingabo (Arméé)
- Umukuru w'Ingabo (Gendarmerie)
- Uhagarariye abahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda
- Perefe w'Umugi wa Kigali

**Abashyira indabo ku mva y'umusilikare utazwi**:

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
- Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika akaba Minisitiri w'Ingabo
- Nyakubahwa Perezida w'Inteko ishinga Amategeko
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
- Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga
- Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco, Siporo no kwigisha imyuga iciriritse
- Umukuru w'Ingabo (Arméé)
- Umukuru w'Ingabo (Gendarmerie)
- Uhagarariye abahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda
- Perefe w'Umugi wa Kigali

# PROCURATION

Je soussigné Christophe Muhoza, membre de la Commission pour le Mémorial du Génocide et des massacres au MIJESCAFOP reconnais avoir autorisé à Monsieur Jean Butoto, chef de Division P.C. de pouvoir retirer mon per diem qui m'a été accordé pour la préparation du FESPAD, 1ère édition 1998
(C/O Commission Information-Documentation)

Fait à Kigali, le 29/09/1998

Christophe Muhozo

[signature]

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO,**
**UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**
**B.P 1044 KIGALI**
**TEL: 83525**
**FAX: (250) 8 35 18**

**Kigali , ku wa**

**N°.........../...........**

Bwana Muyobozi wa ORINFOR
**KIGALI.**

**Impamvu**: Gucisha ibiganiro
kuri Radiyo, na Televiziyo

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kubandikira mbamenyesha ko mu rwego rwo kwizihiza incuro ya kane Umunsi w'Intwari z'Igihugu, duhimbaza buri ya mbere Ukwakira, hateganijwe ibiganiro byerekeye Intwari z'Igihugu bizaca kuri radiyo.

Ibyo biganiro bizatangwa kuva ku wa 26 kugeza ku wa 30 Nzeli, hakurikijwe iyi gahunda:

| Italiki | Uzatanga ikiganiro | Insanganyamatsiko |
|---|---|---|
| 26/9/98 | Filipo KANAMUGIRE | Amateka y'abatabazi mu Rwanda |
| 27/9/98 | Yohani MUKIMBIRI | Ibyivugo by'Intwari zaranze amateka y'u Rwanda. |
| 28/9/98 | Madame VIGITORIYA | Ubutwari bw'abari n'abategarugori mu mateka y'u Rwanda |
| 29/9/98 | Ludoviko KANAMUGIRE | Abahanganye n'itsembabwoko :<br>- Military resistance<br>- Résistance Civile. |

Mbasabye ko mwadufasha kwubahiza iyo gahunda.

Mbaye mbashimiye.

**Dr. Yakobo BIHOZAGARA**

Minisiteri w'Urubyiruko, Siporo,Umuco
no Kwigisha Imyuga Iciriritse.

1/10/98